REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GICURASI 2016

10 Kamena 2016

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GICURASI 2016

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2016. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,6% mu kwezi gushize kwa Gicurasi 2016 ugereranyije na Gicurasi 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kane (Mata 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 4,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 4,6% mu kwezi kwa Gicurasi ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 7,4%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2016 na Gicurasi 2015, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,6%.

Wagereranya ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) n'ukwezi kwa kane (Mata 2016) ibiciro byazamutseho 0.5%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 0,6%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Gicurasi 2016 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 4,3% ugereranyije na Gicurasi 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kane (Mata 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 4,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 4,3% mu kwezi kwa Gicurasi ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,5% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n' itabi byazamutseho 6,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) n'ukwezi kwa kane (Mata 2016) ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,5%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Gicurasi 2016 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,4% ugereranyije na Gicurasi 2015. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kane (Mata 2016) byiyongereyeho 4,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,4% mu kwezi kwa Gicurasi 2016 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 5,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) n'ukwezi kwa kane (Mata 2016) ibiciro ntibyahindutse. Ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,2%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 0,7%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2015 kugeza muri Gicurasi 2016.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Gicurasi 2015 kugeza Gicurasi 2016** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | |
| | **2015** | | | | | | | **2016** | | | | | |
| | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,2 | 2,8 | 2,3 | 3,0 | 3,7 | 2,9 | 4,8 | 4,5 | 4,5 | 4,4 | 4,6 | 4,7 | 4,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 1,2 | 0,1 | 0,4 | 1,7 | 3,6 | 6,8 | 9,0 | 8,0 | 7,7 | 7,1 | 6,5 | 4,3 | 4,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 1,6 | 1,0 | 1,1 | 2,2 | 3,6 | 5,5 | 7,5 | 6,8 | 6,6 | 6,1 | 5,8 | 4,4 | 4,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,6 | 0,0 | -0,1 | 0,9 | 1,1 | -0,1 | 1,1 | -0,5 | -0,5 | 0,4 | 0,9 | 0,8 | 0,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,2 | -1,2 | -0,1 | 2,1 | 2,1 | 2,3 | 0,2 | -2,7 | -1,5 | 0,8 | 1,9 | 0,6 | -0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,1 | -0,8 | -0,1 | 1,7 | 1,8 | 1,5 | 0,5 | -2,0 | -1,2 | 0,7 | 1,6 | 0,7 | 0,0 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR; sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw